



**URUKIKO RWISUMBUYE  
RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00025/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE  
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 07 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **HARERIMANA Jean Paul**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwatanze ikirego muri uru rukiko kigahabwa n° RP 00064/2021/TGI/RSZ, burega uwitwa **BIDAKOREKA Boniface**, icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 121 y'igitabo cy'amategeko ahana;

Tumaze kubona ko uwitwa **BIDAKOREKA Boniface** mwene NDAYE Zacharie na MUKAKURUVUNE Faina, wavutse muri 1980, avukira mu mudugudu wa Gataba, mu kagari ka Kibogora, Umurenge wa Kanjongo, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba, akaba ariho yari atuye, ubu akaba akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **BIDAKOREKA Boniface** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa 22/02/2022 saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**HARERIMANA Jean Paul  
UMUCAMANZA**



**NYIRAMBONIGABA M. Thérèse  
UMWANDITSI**